Icyo dukwiye kumenya:

Ibibi by'iyi nzira biba bike icyo urebeye hamwe muri rusange. Ikemura ibibazo byinshi kuko aho yagiye iba hose ubu haba hari amahoro ya buri wese asyigikiwe, havuka uburyo bwa demokarasi buhamije imizi mu baturage hakabaho n'amajyambere nyakuri.

Ingero:

- CUBA
- CHINA
- KOREA (ya ruguru) n'ahandi.

Ikindi ni uko zimwe muri izi ntambwe zishobora gufatanywa, urugero nk'iya kabiri (mobile) ishobora gufatanywa n'iya gata-tu (conventional) mu gihe kimwe biturutse ku mbaraga z'abarwanashyaka ugereraniye n'iz'umwanzi. (inzira y'intambara ndende).

Ikindi ni uko iyi nzira hari aho idashoboka bitewe n'ibiyiranga. Urugero abarwanashyaka icyo batangiranye imbaraga kandi ari benshi cyane. ■

NDAGIRA RERO NGO NIBALIZE INYENZI-NKOTANYI AHO ZILI HOSE!

Biragaragara koko ko mujya gutera u Rwanda mwali mwiguye bihagije! icyakora mumbabaire, siniliwe nsesengura iyi gahunda yanyu uko mwayiteguye. Mhise-mo kwibanda cyane cyane kubyo mwagerageje gukukiza nubwo byabapfanye bwose.

Muli icyo gahunda yanyu uko mwayiteguye ijamba rubanda nyamwinshi ligarukamo inshuro nyinshi! Ibyo rero biratangaza. Ubu-ndi ubusanze ko tuzi ko mu Rwanda rwacu Rubanda nyamwinshicyangwase IMBAGANYA-MWINSHI ari ABANTU bitwa ABAHUTU, mwiyeje mute kurwari- ra ABAHUTU? Hagati aho se ABATUTSI mwaba alimwe mwabaye RUBANDA NYAMWINSHI tukaba tutarabimenye? Ibyo aliko ntibishoboka kuko nkulikije ibarura ryabaye hambere aha, ryagarageje ko u Rwanda rutwe n'abaturage Miliyoni zirenga indwi ho gato. Muli izo miliyoni indwi zose 90% bakaba ari ABAHUTU: Ndabona rero bitarahindutse. Dukomereje aho rero, ko nzi ko ABATUTSI bo hanze mutarenze miliyoni imwe mwaba mwabaye IMBAGA NYAMWINSHI bigenze bite? IMBAGA NYAMWINSHI se yaba yarabitabaje ngo maze muyibohoze? Ni ukuvya ryall ABAHUTU dukeneye ABATUTSI kugira ngo twibohore niba hali icyo twibohora?

Muti twararebye dusanga nta bundi buryo budushobokewe uretse ubwo gushoza intambara twita icya Karahabutaka, maze tugafata ubutegetsi mu Rwanda. Nyamara iyi nzira ntabwo igeze RU-

BANDA NYAMWINSHI ku ntabwo yo gukemura ingorane zabo. Mukomeza muti: «Yangiza byinshi igakemura bike. Iseya imihanda, amashuri, amavuriro n'ibindi. Yangiza umutungo w'igihugu. Nyamara mwaranze muratera, n'ubwo mwali muzi neza ibyo byose. Aliko kandi hagize ubita INYANGARWANDA usanga amazuru mwayazamuye ngo barabatutse. Aliko se niba mushyira mu gaciro, umuntu uya gukora ibibi azi neza ko ari bibi murabona mwebwe yakwitwaga iki? Hall ukuba mwene uwo muntu yaba yaliyubashye, hali ukuba yaba ali umugome cyangwa se yaba ari nta bwenge agira. Kubera rero ko ngo ABATUTSI mugira ubwenge budasanze, hasigaye kuba mwaba mwaliyubashye cyangwa se muti abagome. Dukulikije aliko ko uwiyeje adashobora gushyirira ibitekerezo ku mutungo kuko aba ali umurwayi, usanga noneho haba hasigaye kimwe rukumbi: kuba muti abagome! Uko mu Rwanda abagome bahanwa ngrango murabizi!

Nkuko mubyivugira, yangiza byinshi igakemura bike. Uretse jye ko navuga ko nta n'ibyo ikemur. yangiza gusa. Nkubona rero uwo mugambi wo kwangliza u Rwanda allwo mwiyeje. Murabona bizabageza kuki? Ibyo bibazo nti-mubyobowe nabibabajije kenshi ntaranamenyanya neza icyo mugamije! Ntimutanga rero n'uko mbyanditse, nsanze all ngombwa ko n'abandi bene wacu babimwe-nya.

Mugakomeza muti: «Ishobora kuba yaterwa cyangwa igashyigikirwa n'ibisambano na ba runya nyuzi...» Ibyo hagati aho nta n'

RUDAHIGWA, KAYIBANDA NA HABYARIMANA BAHURIYE MU GASIZA (imibonana ya mbere).

Abashyitsi baba benshi si abo Perezida HABYARIMANA (H) aherutse kwakira iwe mu Gasiza ka Rambura ya Karago aho yari agiye kuruhukira gato. Inkoko ya mbere itarabika umwami RUDAHIGWA (R) afashe ikamba rye mu ntoki n'uwahozze ari Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Geregori KAYIBANDA (K) ajunditse ikigoma baje kubyutsa umukuru w'igihugu kugira ngo bamubaze uko ibintu byifashe muri iki gihe n'uburyo nawe abyifatamo ku ruhanda rwe.

Ubwo bahise bajya muri gacaca ya batatu. Ingorane ya mbere iba iyo kumenya ugomba kuyobora inama. Mutara Rudahigwa asaba kuba ariwe uyiyobora kuko yabatanze kubona izuba no kuba yarabarushije gutegeka igihe kirekire.

Ariko Kayibanda we asubiza ko izo mpaka zakizwa n'amatora (ubwo aba acinye icyara Habyarimana undi nawe ahita amenya iby'ayo marenga) kuko turi muri demokarasi. Babaruye basanga Kayibanda afite amajwi abiri naho Rudahigwa afite rimwe. Umwami ati: abahutu ubanza noneho mwaracye akenge.

Buri wese amaze kugotomera akanusu k'akarahunu ka konyaki dore ko bamwe batagaherukaga batangira imirimo yabazanye. Kayibanda abasobanurira ko bibanda ku bibazo bitatu gusa: politiki (ari nayo baheraho uwo munsi), ubukungu n'ikibazo cy'intambara twakururiwe n'inenzi zateye ziturutse muri Uganda zibifashijwemo na Perezida Museveni n'ibindi byitso.

R. Oya uranga amushyirye, ruga intambara y'inkotanyi.

H. Ntacyo bitwaye kuko ari bamwe n'itegeko zabo zo kugarura ingoma ya gitutsi no kumarira ku isasu abahutu bose ari zimwe.

K. Muri politiki rero abaparimuhutu ba mbere nari nyoboye twemye guhara amagara yacu mu bihe bikomeye aba ba Mutara na bene wabo bari bagitsimbaraye ku ngoma yabo yari yaribasiye gukandamiza rubanda rugizwe ahanini n'abahutu. Twazengur-

twumvisha abanyarwanda bose ko igihe kigeze cyo kwibohora. Abatutsi baraduhize ku buryo bamwe muri twe bahasize agatwe, siniriwe mbarondora murabazi.

Ubwo twari tugamije gukiza abahutu ingoyi ya gihake n'uburetwa byari byarabamunze kandi "abavukanye imbulo" badashakira kugira icyo babinhinduraho. Kuko nubwo abatutsi batari barenze icumi ku ijana by'abatuye igihugu cyose nibwo bonyine bategekaga. Nta mwami, nta gisonga, nta amwivu, nta mushyamba, nta musushyamba, nta mumotsi, nta kirongozi by'umuhutu byabagaho uretse igihe bari batangiyeye gusa n'abajijisha bafata umuhutu umwe bakamutereka mu nama y'igihugu irimo abatutsi barenze makumyabiri. Kuvuza demokarasi byari inzizi kuri rubanda, bikaba akirirereho ku butegetsi bw'abega n'abanyiginya. Gucisha iby'amatora adafitiraye kwari ugucukurira abahutu rw'abanyiginya. Nahanganye n'uyu mwami n'abambari be rubura gica mparanira ko n'umuhutu yakandagira mu ishuri kandi ntarenganywe azira ubwoko bwe. Iyo ni imwe mu mitategereye mibi ya leta zose za cyami...

R. Wishaka ariko kwizimba mu magambo reka ngushyirye n'umutima murira kandi mu kinyabupfura uk'uko imfura twareze. Iyo uruga ngo twahigaga abarwanashyamba banyu aho urabeshya kuko nawe ubwawe utari kurusimbuka ubwo abazungu bagutwaraga mu kwaha. Naho ababa baraguye muri icyo midugararo abenshi cyane bari abatutsi, nibwo twatamagaye, muratwicirira, murira inkamba mbese mubakorera ibya mfura mibi. Harway na Logiest babakomera amashyamba. Naho se twe twakoze iki koko kibabangamiye, si Mbonyumutwa gusa abasore banjye bahuye agashyamba nako kadakanganywe hariya i Bukomera ndetse akaza no kuba Perezida wa mbere w'umuhutu kuko twari tumaze kumutera iryo shamba.

Aba bandi uruga ko bahohoteye bashobora no kuba barazize bene wabo. Gutsimbarara ku butegetsi bwacu byo byari byo n'ubu kandi turacyabukomeyeho kuko ari umurage wa ba sogokuru. Kandi mitategereye twasanga umututsi agombye buri gihe gutegeka umuhutu, ibyo n'abazungu barabwemeraga. Icyakora

ukuri abatutsi bakomeye hamwe na bamwe ndetse nanjye ubwawe mbabereye ku isonga twasabye natwe ko ibintu binhinduka n'umuhutu akagira ijamba mu mitategereye y'iki gihugu.

K. Urabeshya, hanyuma se wari kugira icyo uhindura ibyegera byawe bikakorohere dore ko ari nabyo byaguhitanye...

R. Ariko reka ndungize dore ko n'iki nyabupfura cyanyu kigeze ku mashyamba. Si n'abatutsi banyirye ahubwo nahitanywe n'abazungu mwari mwarashumikanye. Urashakira kwibagira kandi ko twabuhaye abashyamba n'abasushyamba wenda koko umwami benshi ariko bandi ba kandida babishoboye mu mufite. Demokarasi kandi nubwo nanjye utashyamba naza yari yaratangiyeye gushyamba imizi mu gihugu kuko n'ibyo twakoraga byose ntigeze mbibabwira, sinigeze mbwira amashyamba yanvu gukora n'ibinyamakuru nka wenda wandikagamo ibyo wishakirye gusohoka kandi nari mbifitaye ububasha. Ahubwo nwe twamuraga demokarasi nabi mukayitiranyu na kwicirukana, gusanyera no kwica abaturisi. Iby'amatora byo icyo gihe ntibari byoroshye kuvakoresha kuko abaturage bari bakiri mu bujiji bakabije ahubwo bishimiraga uko abaturage bagendaga basimburana, nta kindi bifuzaga. Mu mashuri nawe twose twasubizaga inyuma: naho uk'ibyo muri za shamba zo zose.

Astida n'abatutsi benshi ntibakandiye, gusa ariko ahandi hose nta vangura ry'amoko ryahigeze. Imenyimenyi ni uko namwe uko muri aha twiciragaga kandi mukarangira. Ndetse ahubwo twajyaga mu giturage hose gusaba abantu babahutu kuyoboka ishuri. Iby'imanza byo ibyizi byarangiye n'abaturage b'abahutu umurage bose abahutu n'abatutsi bavanze, ndetse ubwo abenshi bari abahutu ubwo ni nabo bafataga imyanzuro ya nyuma. Murakoze ku nyuma.

K. Mbere y'uko dukomereza no ku bindi reka mpe ijamba na Habyarimana agire nawe icyo avuye ku butegetsi bwa cyami-ntutsi.

H. Murakoze, icyakora ndumva ibyo Kayibanda yavuze ntacyo nongeraho kindi uretse ko hari andamarorerwa atagira ingano yuzuye ubugome, ubwicanyi, agasuzuguro

K023 3694

akarengane, ubwikanyize bw'ubwoko bumwe bwa gatutsi yaranze ingoma zose nyiginya. Naho ibyireguro by'uyu mwami byo ndumva nta na kimwe gifite ishingiro. Nka Secyugu, Sindibona, Kamuzinzi, Kayuku, Kajangwe, Kanyaruka n'abandi, bishwe n'abaronari ntabwo ari urupara. Amatora yari gushoboka mu nzego zose za politiki kuko na Kamarampaka yakoreshejwe abanyarwanda bakamenya kwihitiramo ubutegetsi bifuzwa.

Gusa, kandi ni nayo mpamvu niyemeje gufata ubutegetsi ku wa 5 nyakanga 1973, ntabwo revolisiyo yavugaga gusimbuzwa abatutsi abahutu mu nzego zinyuranye cyangwa gutoteza umututsi ngo ni uko yandamijwe kera mwene gahutu.

Iyo ni impitagihe byaterwaga n'ibihe igihugu cyari kigezemo, ntabwo rero twagombaga gushaka ibyo guhōra kuko ari ntaho byari kugeza rubanda nyamwinshi. Hivanzemo icyakora n'ibindi bibazo by'uturere, by'ubukungu bwari bwarazambye, amatiku n'inzangano byari byarahawe intebe byanteye jye n'ingabo zanjye gusesa Repubulika ya mbere.

K. Mwibuke ariko ko tukiri mu rwego rwa politiki gusa, ibyo bindi Habyarimana yari ashatse kubutsa bizagira uwabyo mwanya. Sinavugaga ko Repubulika ya mbere yakoze ibyo yagombaga gukora byose ariko ntiyigeze yizigama mu gushimangira de-
~~lok~~karasi no guharanira imibereho myiza y'abaturage. Amatora yose yagendaga neza nta gitugu, abaturugumesitiri batorwaga n'abaturage babo, ariko narinze nitaba Nyagasani ubutegetsi bw'uyu Habyarimana bubashyiraho hakoreshejwe ikimenyane nsa nsa nsa.

Abadepite bashyirwagaho n'abaturage bo mu karere kabo nta gitutu kandi nta mbogamizi z'amashuri bahuraga nazo. None ubu ngo perefe niwe ufite inshingano zo gutoresha abo perezida wa Repubulika yihitiyemo gusa, ku buryo Repubulika ya kabiri yaranzwe no kunyereza amajwi. Kuri perezida byo byari agahomamunwa: umuperefe yari ategetswe gutoresha Habyarimana ijana ku ijana nk'uko byagenze ku Gikongoro ya Nyabyenda kandi bizwi kuwa kera ko icyo perefe giturura itamucirira n'akari urutega. Hari na-

ho umuturage yakaga ikijuru abayobora amatora bakamubwira ko hasigaye ibyatsi gusa; ese babirangirizaga mu masandugu maze uwo muntu akaba agitowe. Mu bakonseye no mu ba selire naho hatwaga uwo burugumesitiri na perefe bashaka gusa.

Amahyaka menshi nayo wayemeye mu magambo gusa maze mu ngiro ukayaburaza gukora mu bwisanzure, ukayashyiraho amananza atakwihanganirwa. Mu gihe cyanyije irondamoko n'irondakarere byamaganirwaga kure...

H. Umva ra, hanyuma se abaminisitiri 7, ba ambasaderi iryaguye bakomokaga i Gitarama cyangwa imvururu zo muri 1973 zahitanye bamwe mu batutsi abandi zikabatera guhunga igihugu cyabo, icyo gihe si wowe wategekaga?

K. Winsha mu ijamba uraza guhabwa urubuga nawe winigure. Hanyuma se nari kuronda akarere nka kwegurira ubuyobozi bw'ingabo wowe n'abandi bakiga kandi twari mu bihe bya za kudeta?

Mu mashuri twakurikizaga amanota umunyeshuri yabonye koko mu kizami. Ntabwo nigeze nshyiraho iri nganiza nk'uko wabigenje ushaka ko abanyenduga n'abatutsi bagwamo. Nyamara kandi mwanabaraga nabi, abo mwacaga mu mashuri yanyu bigiraga mu yigenga kandi impamyabushobozi atanga mukazemera; nk'aho ngaho abatutsi baberetse igihandure.

Naho imidugararo yo muri gashyamba ni 1973 ni wowe wayiteye uwo shyirwemo na Kanyarengwe udu muhanganye n'abandi muakorana gusa mushaka kunsabota. Ubuho se jye mureze ko wibanda ku Bashiru no ku Bashiru gusa icyo ugiye gutanga imyanya iryoshye mu butegetsi bwa gisivili na gisirikari ari nabyo amashyaka n'ibinyamakuru byise akazu wavugaga ko mbeshya kandi? Nk'ubu umubano w'u Rwanda n'ibihugu bidukikije ugeze ku buce kugeza naho nka Uganda igihugu cy'inshuti y'u Rwanda kuwa kera kidushumurira inyenzi n'abasirikari usanga ari ubucuti hagati yanyu gusa; kandi rero n'ubu mareshali wisungira iminsi asigaye ku butegetsi ishobora kuba ibaze. Ubuho na Tanzania twari hafi kuba twakwiyungaga tukaba igihugu kimwe isigaye ireba umunyarwanda nk'icyo imbwa yanze! Aho uranyibuka agato-

ki ku kandi na Nyerere, uzabikorana n'uriya muswahili Mwingi turebe.

Kenya nubwo ugerageze, kuyishimushima ntiteze kukumva, none yakumvise ntiwayibwiye ikaguteretera umwamikazi w'ubwongereza na Minisitiri w'intebe we maze bagacubya umurego wa Museveni kandi ko babishoboye kurusha abandi bose mushyikirana. Rero ngo twana muganga azakomeza guhuragura ibigambo no gucurangira abahetsi mu kinyamerika yaba yarihuguwemo.

H. Ndumva idosiye ya Rudahigwa isa n'iyashyizwe iruhande, gusa sinabura kwongeraho ko politiki yo mu Rwanda izambywa ahanini n'abatutsi kuko aribo bazana amacakubiri mu gihugu maze ibihutu bimwe na bimwe bigasamara bitazi umutwe wabo wo gucamo ibipande abana b'u Rwanda cyane cyane abahutu kugira ngo bamarane maze ibimanuka bifate ubutegetsi.

Byegegereje amwe mu mashyaka akomeye kandi asanzwe ari aya rubanda nka MDR (Parmehutu) barayacukumbura kugeza ku mitwe yabo; bihishe muri MRND kandi bizwi ko bazitorera PL ishyamba ry'inkotanyi. Mu mahanga aho kuvuganira neza urwababyaye ahubwo usanga barusebya, babangamirira inyungu zarwo zose bitwaje ikinyoma. Iyo niherereye nkibaza ku by'iyi ntambara turimo maze ngakubitiraho no kumva no kureba ibibera i Burundi aho umuhutu yicwa nk'umubu azira ubwoko bwe nsanga abatutsi ari ba nta munozu kabisa naho wabahongera ibya mirenge! None se kandi wowe Rudahigwa uzongera wiharange ko izo nkoramaraso aribwo bwoko bw'Imana bugomba gutegeka iyi si?

R. Ubuho ariko uratandukiriye dore ko abatutsi twababoneyeho. Ntabwo nigeze nciyeza ko tugomba gutegeka isi; naho kuba turi ubwoko bw'Imana byo ndumva aribyo kuko mwanashatse kudutsemba maze Rurema ikibuka ko turi abe.

Kandi nta n'uwakwifuzaga kuba ubwoko bwa Shitani kereka niba ariko mwe mubishaka. Ese mwakweruye mukavugaga ko mudashaka abatutsi mu gihugu cyanyu ari nacyo cyabo maze bikagira inzira aho gukomeza kubagira kampe nkabwinane. Ese ubundi wowe Habyarimana wabanje ugasubiza mwene wanyu uyu kubwo yanenze ubutegetsi bw'igitugu

biawoe.

H. Urashaka kuvuga Kayibanda reka musubize yumirwe. icyo nabanza kumwumvisha ni uko ari nta wakwiharanga ngo niwe wakoze Revolisiyo wenyine nk'uko abayoboke ba MDR bashaka gucengeza mu banyarwanda ko ishyaka ryabo ritanitwaga gutyo mu bihe bya Revolisiyo riyobowe na Geregori Kayibanda ariryo ryonyine ryakuye abahutu ku ngoyi ya gihake na gikolonize. Nako amakosa yaba yarakozwe mu gihe cyanyije yo simpakana ko atabayeho kuko udakora ariwe udakosa, gusa hari agakabyo mukuru wanyije Kayibanda n'abantu be bashyiramo nkaho bo ari ba malayika.

Umuze tuvuze iby'amatora yo muri Repubulika ya mbere yasobanura ate ukuntu yiyongezaga manda anyuranyije n'itegeko Nshinga yishyiriyeho. Ubundi se Kayibanda yigeze yiyamamazanya nande ngo tuvuye ko hari demokarasi yuzuye? Dore nkanjye ubu mu ruhando rw'amashyaka menshi niteguye guhangana n'abandi bakandida niba MRND arijye izasubiza ku isonga; ndetse nimbona bikomeza kunaniza mbwirerundi yihataniye. Abaturugumesitiri n'abadepite se ni nde uyobewe ko hambere birirwaga bakanarara bamama amajwi, bashingiye ku gusebanya, gutanga amayoga, wanganisha abaturage no kuryasha abakandida. Demokarasi se yo yakoraga neza ite niba uwageragezaga kutavuga rumwe n'ubutegetsi yarateshwaga umurungo. Ubu amashyaka yose yemewe afite ubwisanzure bwuzuye ndetse ahubwo nanayingize kujya muri Guverinoma aba ariyo yanga ku mpamvu zitanturutseho, mubona se ko nayaterura ngo n'aze. Ibyo guha abakiga kuyobora ingabo simpamya ko kwari ukubakundwakaza, wenda abanyenduga bo bihitiragamo ubutegetsi bwo mu biro aho kujya kuribwa n'imibu mu bihuru no kwiteza amasasu n'inenzi za Kigeli.

Nk'iby'iringaniza biratangaza kubona umuntu avuga ko ashigikiye demokarasi hanyuma akamagana bimwe mu biyaranga. None se ni iki kindi wakorera amoko n'uturere kiruta guha buri gace umugabane ugakwiye mu mashuri, mu mirimo

yose no mu butegetsi hakurikijwe uko kangana mu gihugu cyose...

R. *Niko ntakurogoye, kuki iryo ringaniza rikorwa ku ruhande rumwe maze ku rundi hakagira ubwoko cyangwa akarere bihurwa imirimo imwe n'imwe. Ndashaka kuvuga nko mu basirikare, mu iperereza, muri za ambasade, mu butegetsi bw'ibigo bikomeye n'ahandi ntirive mvuga.*

H. Ibyo ni amahomvu bene wanyu bagenda bakwiza mu gihugu no hanze babeshya, nyamara uwarondora aho bagiye biganje kandi h'ingirakamaro ntiyabona aho ahakwiza, uzarebe ufite ifaranga n'indi mitungo muri uru Rwanda ari nde. Kandi rero namwe mutigize nyoni nyinshi ntabwo waringaniza kugeza aho umuntu wajya umuhamo kabiri cyangwa gatatu kugira ngo imibare ihure sawa sawa.

Kandi ubanza mwiye bagiza ko iringaniza riramutse rivuyeho uwaba afite ubutegetsi wese yakwikorera ibyo yishakiye maze nyiri ntege nke akahagwa. Irondakarere cyangwa akazu banshira byo ntaho bihuriye n'ukuri; mberetse imbonerahamwe y'abahawe imyanya ikomeye uhereye kuri minisitiri w'intebe, Perezida w'inteko ishingira amategeko, Perezida w'urukiko rusasa imanza, minisitiri w'ingabo, abayobozi b'ibigo nka Air Rwanda, Stir, Sonarwa, C.E.; BRD, OCIR, Oprovia, n'ahandi mwasanga ahubwo akare nkumokamo karyamirwa.

Ibyerekeye umubano mwiza n'ibihugu duhana imbibi niyo nshingano nihaye ngifata ubutegetsi kandi ibyo aribyo byose byabaye mahire. Naguye n'amarembo akomeye, nashoboye gushimangira umubano utagira amakemwa hagati y'u Rwanda n'ibihugu hafi ya byose by'i Burayi, byo muri Amerika ya ruguru, by'abarabu n'ibyo muri Afurika y'abirabura uretse nyine ko inkotanyi n'ibitso byazo bagenda-ga bahamenamo umusenyi.

None se nk'iyi ntambara twari kuyitsinda dute tudafitanye umubano mwiza na Zaire, Ubufaransa, Ubudage, Kanada, Amerika, Kenya, Tanzaniya etc. Abaguzwe n'umwanzi bo nk'in'yeshyamba Museveni -simvuzwe abaganda ubwabo kuko barengana-ntako wabagenza cyereka ahari nawe ufite

amadolari aruta ay'inkotanyi wabanyanyagizamo maze bakaba babucyeye kabiri. Nk'u Burundi bwo ubanza na Kayibanda yifashe kugira icyo abavugaho kuko nawe aziko bwamunywesheje amazi agitegeka yirirwa atukana bushumba na Mibombere ku maradiyo. icyakora tuvuye ibintu kandi tubisubire igihe cyose u Burundi buzaba butegekwa n'ubwoko bw'abatutsi kandi aribo bake cyane mu gihugu nta wakwiteza amajeke ngo u Rwanda ruteze kuzumvikana nabwo.

Ingirwamubano bahora biyamira mu madisikuru ishingiyeye ku kuryaryana gusa. Abahutu baho bo abatarashirira ku isasu nta cyatubuza kumvikana. Kandi mu rwego rw'iyi mibano n'ibindi bihugu murumva namwe ko mfite n'andi mabanga ntashobora kuburirira kuko abantu nkamwe ntabashira amakenga.

K. *(arayura) Umunaniriro n'ibitotsi byari bitangiye kuntwara, Jenerali Majoro niyongere adusukiremo ka konyaki ndabona imihogo, n'ibirahure byumye kera; arebe kandi naho yambonera imiti ingaha y'isegereti. Ariko ubundi wowe uzahera ku ipeti nagusigiyeye kuzageza ryari? Nta na ka marehali nibura nka Bokasa, Idi Amine Dada cyangwa munywanzi wawe Sese Seko Kuku Nguendo wa Zabanga.*

R. Nanjye nari ngiye kuganzwa n'ijoro kandi ubundi bwoko bwacu bwo mu miryango ikomeye ya Gitutsi turi intaganzwa zidakorwa ku ngobe n'impehe zo kwa Rukatamabereyimbeyi. Jye ahubwo nimunyihere agashyushyu niba nako gahari dore ko ikivuguto cyo ngo namwe mwamenye ko kiryo.

H. Ariko aho urumva mwa, koko ushyira umututsi mu kifambi bwacya ugasanga yarenze urwuririro. Twakiriye uyu mwanzi ntitwamuhutaza none dore atangiye kudushyiraho imininguro yuzuyemo ibitutsi gusa.

R. *Ushatse wacisha make di! Leta mputu zose tuzazirwanya mpaka zisibanganye kuri uyu mubumbe w'isi. Ndetse woweho ntuzaturushya kuko Rukokoma izakwikokomorerera maze iki gihugu mwirata ngo ni icyanyu tukakigururira ahasigaye tukabereka "ico turi co" nk'uko ino muvuga. Nah'ubundi twarabakinishije mbere hose twibwirako*

K023 3696

muzavamo abantu, ba sha... ba Mukera-rugendo bazajya bamenya uko mwasaga banyuze mu bigo by'inyamaswa bita "zoo" mu gifaransa kuko ibirunga byo tuzabiharira ingagi zo zibarusha agaci-ro.

H. (aramukoba) Wooo ! nanga imbwa zanjywa, nimusubize amewe mu isaho twarabamenye ! Na Mahama ntikirarikira umupfu itareba. Erega n'ubundi mwanyinjije muri iyo Rukokoma ntabizi dore ko amayere yanyu ari menshi. Ariko ndabona na muzehe Kayibanda bisa n'ibyamuyobeye, ubanza umwuzukuru wa Rwabugiri yari afite ubutumwa bw'inkotanyi. Ni akotanyire hirya rero kwa bene wabo no kubabashyigikiye bose iwanjye aha-byire hasi. Yewe niba ari na ya Rukokoma imara imyaka n'imyaniko

kandi irekereje kurimbura gahutu mushaka ndayibimye. ndayibimye...

Nubwo nemereye i Paris ko bibaye ngombwa Rukokoma yakorwa, ubu nisubiyeho. Kuva kuri uyu munota nanze ibintu bitatu: icya mbere nanze Rukokoma, icya kabiri naze Rukokoma, icya gatatu nanze...

K. (amuca mu ijamba) Rukokoma... Ariko ndabona mwahise mucagagurana kandi wenda iyi mishyikirano yatuma twubaka igihugu cyacu aho Kugumiza kugisenya. Ariko se Rudahi, abantu koko nkamwe mudashaka kuva ku izima, mukigambiriye gufata ubutegetsu ku ngufu z'amasasu no kwicwa ikitwa umuhutu aho kiva kikagera mwarutse mugaturana neza, mugasaranganya ibyiza by'igihugu

n'abo mwasanze muri uru Rwanda rwa Gihanga ntawe ushaka gucira undi. Wowe se Yuvana, kuki wanga ko ibibazo bireba igihugu cyawe ari nacyo cy'abanyarwanda bose ntawe ugifiteho uruhare kurusha undi bicocerezwaga muri gacaca kugira ngo birusheho kubonerwa umuti ubereye rubanda nyamwinshi rwose na buri muntu ku giciye.

None ubwo amaherezo azaba ayahe ko turimo dukinisha ibintu abadukomokaho bazatubaza tukarya indimi nubwo tuzaba tutakiriho ?

R. Mba ndoga Musinga...

K. Rekeraho dutahe tuzasubira ubutaha kuko na bya bibazo bindi naruze dutangira tutashoboye kubigeraho.

Ndekezi Bonaparte
Gisuma.

**P.L ISHOBORA GUHAGARIKWA
MBERE Y'IMINSI 30 NIKOMEZA
GUKORANA N'UMWANZI**

**INKOTANYI NGO ZIGEZE
IYI NTAMBARA MU GICE CYA
GATATU**

Rwose nitutareba neza, inkotanyi ziraduca mu mizi. Mwiyumviye kuri Radiyo-Rwanda ukuntu Inkotanyi zifuza guteranya abanyarwanda bose cyane cyane abasilikari n'uturere.

Mu migambi yabo harimo cyane cyane kwica, kwangiza ibintu no gushyigikira mu buryo bwose iterabwoba.

Ku byerekeye amatora ngo barashaka kwifatira abantu beme-rwa kandi bizerwa n'abaturage bakazabakoresha kugira ngo bagire amajwi menshi mu mpande zose z'igihugu.

Twashoboye kubabonera iyo migambi none turayitangaje ngo namwe mwihere amaso.

Hagati aho, ishaka P.L rimaze kubona ko imigambi yabo yamenyekanye, ryirukankiye kwandikira Prezida wa Repubulika ngo MRND irashaka guteza imyidugararo n'ntambara mu gihugu. Mwumve namwe uko kwiyoberanya !!!

**BANYARWANDA MURARYE
MURI MENGE.**

**COMITE NYARWANDA IRWA-
NYA URUGOMO.**

Kigali, kuwa 20 Gashyantare 1992.

- Ku bayobozi b'amashyamba yemewe mu Rwanda
- Ku bahagarariye ibihugu byaba mu Rwanda i Kigali.
- Kuri Musenyeri Nsengiyumva na Sebununguri Adoniya - Kigali.
- Kuri Bwana Prefe w'Umujyi wa Kigali.

Bwana,

Tubohereje mu nyomeko y'uru rupapuro ibarwa twandikiwe n'Umuryango nyafurika urwanya urugomo «Commission internationale pour la non violence» ukaba ukorera i Nairobi muri Kenya. Ibikubiye muri iyo barwa biteye agahinda.

Tuboneyeho kwerekana no kwamagana ibikorwa ibyaribyoye bigenewe gukorera amarorerwa abanyarwanda bose. Abo ba «rukundamvururu» tubamaganye n'imbaraga zacu zose kandi tubikuye ku mutima.

Turabamenyeshako hari ibikorwa by'urugomo birimo gutegurwa kugirango bicubanganye umutekano w'abaturage. Ibyo bikorwa ni ibi :

- Itwika ry'ibigega bya essence (Iisansi)

- Itwika ry'amamodoka n'ibindi bigendera ku muhanda

- Amarozi (kugirango bigerweho, hagakorehwa abakobwa n'abaturatsikazi bashakanye n'abahutu; n'abanyamahanga).

Muri rusange, turashaka abanyarwanda bose kubungabunga umutekano wa buri wese, kandi bagafata imigambi ihamye kugirango tutazatungurwa.

Visi—Prezida w'Umuryango
MUTANGANA Innocent
(sé)

N.B. Ubwanditsi bwa KANGURA burasaba inzego z'umutekano kemeza cyangwa guhakana ku bw'amategeko niba koko aribyo kuko umwanzi afite amayeri menshi yo guteranya abanyarwanda. Igitangaje nuko nabiswe ko bahigwa harimo abacyekwamo ibyitso bikorana n'umwanzi.

Aho ugulira Kangura babaze na Manifeste na Stati za C.D.R ishya-ka ryanyu.

KOMISIYO NYAFURIKA IRWANYA URUGOMO.

Ku Ishyirahamwe rirwanya urugomo mu Rwanda KIGALI.

Bavandimwe,

Turabamenyeshya rwose ko dukurikiranira hafi ibibera mu Rwanda. Twishimira uburyo demokarasi iharanirwa aho iwanyu, tukishimira n'inzego zose zishyirwaho kugirango hashobore kubaho guverinoma igizwe n'amashyamba menshi. Turatera inkunga y'umwihariko abanyapolitiki muri Afurika bakwiye kugaragaza ubwumvikane n'ubwitonzi, bakagomba kuva ubu guharanira nyungu z'ibihugu byabo.

Cyokora ku bireba igihugu cyanyu, ni ngombwa ko tubabwira ko icyiciro cya gatatu cy'intambara u Rwanda rwakuruweho kuwa kuwa 1 Ukwakira 1990, kiri hafi gutangira. Koko rero kuwa aho igice cya mbere (urugamba mbona-nkubone) n'icya kabiri (ibitero-shuma), igice cya gatatu cyo kigizwe n'ibikorwa by'urugomo : kwica, kwangiza ibintu n'ubwihebe cyane cyane mu mijyi.

Ibyihebe by'abanyamahanga (abarabu n'abanyafurika) bimaze gutorerwa gusohozwa uwo mugambi. Bazinjira mu Rwanda mu buryo winshi kandi biyoberanije (ubucuzi, ubukerarugendo,...), nyuma bazashobore gukorana n'ubuyobozi bw'ishyamba P.L. rihagarariye F.P.R. mu Rwanda (reba ibarwa yacu yo kuwa 11 Ugushyngi 1991).

Ubwobwicyanyu buzakorerwa abantu b'ingeri zose : abanyapolitiki, abacuruzi, abasilikari,... bese bari mu mashyamba yiganjemo abahutu.

Ubwobwicyanyu buzakorerwa uburebye usanga budakanganye ariko iyo ubusuzumanyeho ubwitonzi usanga imigambi bimirije imbere iteye ubwoba : Umuyobozi w'ishyamba runaka azicwa, urupfu rwe rwitwe urwa politiki maze rigerekwe ku rindi shyamba n'urugomo. Bityo F.P.R. izahita ibikwirakwiza mu biyamakuru byo hanze. Ibyo bikorwa bizakomeza kugeza ubwo bite-

ranije abahutu ubwabo ngo bicane (akarere n'akandi, Ndlr).

Abahigwa mbere na mbere ku rupapuro twashoboye kubona ni aba :

1. BAGARAGAZA Thadée, umunyapolitiki
2. RUTAYISIRE, umusilikari
3. BANZI Wellars, umunyapolitiki
4. MUREGO Donat, umunyapolitiki
5. SEBULIKOKO, umucuruzi
6. RUZINDANA Augustin, umukozi wa Leta
7. MBONYUMUTWA, umucuruzi
8. NZIRORERA Joseph, wahoze ari Minisitiri
9. RWABUKUMBA, umucuruzi akaba na muramu w'Umukuru w'igihugu
10. KABUGA Félicien, umunyenganda
11. KIGUFI Thomas, umukozi wa Leta
12. NSENGIYAREMYE Dismas
13. SEBUNUNGURI Adoniya, umunyedini
14. NYUNGURA Emile, umujyana mpuzamahanga
15. RWAGAFILITA, umusilikari
16. NGANGO Félicien, uburanira abantu n'umunyapolitiki
17. MPORANYI, umuyobozi wa SORAS
18. NTIRIVAMUNDA Alphonse, umukozi wa Leta
19. NZABONIMANA Callixte, Minisitiri
20. KAREMERA Edoard, umunyapolitiki
21. BUTARE, umukozi wa Leta (OPROVIA)
22. KAGIMBANGABO, prefe.

Nshuti,

Ntimuyobewe ko Etat-Major ya F.P.R. ikorera i Nairobi mu bwihisho, ubutegetsu bwa Kenya butabizi. Iryo shami rikorana ku buryo bw'umwihariko n'iryi Kigali riyobowe na PL.

Muri make rero, iryo terabwoba rya F.P.R. ni ryo ryatumye, twiyemeza kubafasha kwamagana urugomo. Twabasaba guhora muri maso kandi mukarangwa n'ubumwe kugirango mushobore kuburizamo umugambi wose w'ite-

rabwoba mu gihugu cyanyu.

Sé James MAKUZA
Umunyamabanga uhoraho
Bikorewe i Nairobi, kuwa 3/02/
1992.

IMIGAMBI Y'INKOTANYI.

- I. Guhungabanya ubutegetsu bwa :
 - ba Minisitiri
 - ba Perefe
 - ba Burugumesitiri
 - Abajyanama muri za segiteri
 - Abayobozi ba za selire

Uko guhungabanya ubutegetsu kugomba gukomeza kugeza ubwo abo bategetsu bazashegashwa bakavugaga nabi ubutegetsu cyangwa bagata umutwe.

- Dore uburyo bazakoresha :
- a) Kwerekana amakosa akorwa n'ubutegetsu bayakuza
 - b) Kugaragaza ikosa iryo ariryo ryose ryagaragara mu buzima bwite bwabo.
 - c) Kubateranya n'abaturage
 - d) Guteza invururu muri za selire na za segiteri, kuziyobora bikananirana no kwigisha abaturage gusuzugura ubutegetsu.
 - e) Gusakaza iterabwoba mu bategetsu kugeza igihe bazumva batagishaka iyo myanya.

II. Gukoresha imyigaragambyo mu bigo by'imirimo byaba ibya Leta, iby'abigenga n'ibyo bahuriyeho ku buryo nta muni wahita nta myigaragambyo ibaye. Impamvu ntizubura zigomba gushakishwa.

Ibyo bigo ni nka :

OCIR THE
OCIR CAFE
BRALIRWA
SUCRERIE
REDEMI
RIZICULTURE
ONATRACOM
MAGERWA
ELECTROGAZ
CIMENTERIE

III. Kwigarurira ingabo z'igihugu : abasilikari, abagandarume, n'abapolisi ba Komini.

Ibyakorwa :
a) buri mushoferi wo mu mashyamba ritavugaga rumwe n'ubutegetsu agomba kurwanira gutwarira ubuntu

umusilikari anyuzaho, akaboneraho kumwinjizamo iyo migambi mibi yo kwanga ubutegetsi.

b) Kwerekana ku mugaragaro ko abarwanya ubutegetsi bashyigikiye ingabo mu kurwana intambara Habyarimana adashaka kurangiza kubera inyungu ze bwite.

— Ko babashyigikiye mu kwikiza Col SERUBUGA, Col RWAGAFIRITA, Col SAGATWA, Col BUREGEYA, Col NGAYINTERANYA, bo ntandaro y'akarengane n'akajagari karangwa mu ngabo.

— Kubumvisha ko hari irondekarere rikorwa mu ngabo kuko ba ofisiye bakomoka ku Gisenyi aribo bonyina bafashe imyanya myiza bitwa ko abasilikari bitwa ko ari abanyanduga ari bo bonyine bohereweza ku rugamba kugirango baha-gwe.

— Kwumvisha abasilikari ko ubu batarwanira igihugu ahubwo ko barwanira inyangabirama zishaka kwikirira hejuru y'amaraso yabo ameneka.

— Kubumvisha ko igihe cyose Habyarimana n'«AKAZU» ke bazaba bakiri ku butegetsi, intambara itazarangira kandi bese bakazashirira ku rugamba.

— Kubumvisha ko imishahara yabo idahagije; umusilikari ufite ipeti rya «soldat» ahembwa 4.000 Frw gusa kuri hari za miliyoni zipfushwa. Da hiryu no hino mu kwamama-za M.R.N.D.

IV. Kwitegura urugomo hobora kuzakorwa n'ingabo.

V. Gutera akanyabugabo abazakora iryo tera bwoba ntibazatinze gufatwa cyangwa gufungwa.

VI. Guteranya ubutegetsi buriho n'amahanga bakoresheje intumwa n'ibinyamakuru bavugira abarwanya ubutegetsi. Uburyo ntibuzabura, ibyo ni ngombwa kuko «umuhinza» ashigikiye n'amahanga cyane cyane u Bufaransa.

VII. Mu kwitegura amatora, gushakama mu ma segiteri, Komini, Perefegitura, abantu bemerwa n'abaturage mu gace batuyemo, kuko akarikera, abanyanduga bazatara umuntu ku

giti cyo. Abo bagore n'abagabo bazakoreshe imbaraga zabo zose mu gutegura amatora. Uzirara agomba gusimburwa.

VIII. Kuzirikana buri gihe, ko umwanzu akurusha imbaraga ukaba ugomba gukoresha imbaraga ufite zose ngo umurwanyeye, nta gusuzugura imbaraga z'umwanzu n'iyu waba ubona ari nke.

IX. Gukomeza ubumwe butajegajega mu ishyamba kandi mukitandukanya nta mbabazi n'ukekwaho ubugambanyi.

X. Gushyiraho inzego zigenzura imirimo ya Leta mu makomini.

XI. Gushakira ababahagarariye mubanda ku turere kamere twariho mu gihe cya gikoronize (Ubuganza, Ubwanacyambwe...).

XII. Kurushaho gutesha umutwe Habyarimana n'«AKAZU» mumubuza kuzamura umutwe kandi mukamwangisha abaturage.

XIII. Kwitegura neza «RUKOKOMA» kuko ubutegetsi nabwo buriho kuyitegura n'ubwo butera hejuru ko butayemera.

XIV. Igihe ubutegetsi bukora uko bushoboye ngo bubahutaze ntumuhangane nabwo imbona nkubone mutazahatakariza byinshi, ahubwo muzabufatire aho butiteguye cyangwa mubufatire henshi icyarimwe kugira ngo mubunanize. Nk'igihe bwiteguye guhosha imyigaragambyo, mugomba guteza imvururu aho butazikekaga nko mu mashuri, mu nganda...

XV. Gukomeza ubushishozi muri P.L. igenda irushaho kugira ingufu ikaba itangiye no kugaragaza ko ari iy'ubwoko bumwe gusa.

XVI. Kwifashisha cyane abagore n'abakobwa mu byo mukora.

XVII. Bamwe mu bantu banyu bagomba gucengera M.R.N.D. kugira ngo bamenye buri gihe imigambi n'imikorere yayo.

XVIII. Gushiraho Ishami rishinzwe umutekano kugira ngo ririnde abantu banyu, rinavumbure abayoboke ba M.R.N.D. baba babihishemo.

**AMAYERI Y'INKOTANYI
ARAGWIRA !!!!**

Inkotanyi, zimaze kubona ko iriya migambi yazo yamenyekanye, nk'uko mubibona ko ibarwa ya Komisiyo nyafurika irwanya urugomo yayohereje bagenzi babo bakorera 1992; hashize iminsi mike n'ishyamba P.L. ku itariki ya 12/02/1992 ryandikira Perezida wa Repubulika ibarwa No 032/92 ngo baramuburira ko hari abategetsi bariho bashakaguteza intambara hagati mu gihugu; iyumvire nawe !!!

Muri icyo barwa barashakira kwi-yoberanya kugira ngo uzaba atashoboye kumenya iriya migambi yabo mibi, azagire ngo ni inama bagira Perezida; cyangwa ngo ejo bimwe mu bivugwa muri iriya migambi yabo bise «STRATEGIE», nibigaragara babyegeke kuri M.R.N.D. nk'uko babyivugira mu migambi yabo.

**BANYARWANDA, MURABE
MASO !!!**

LA REDACTION.

BASOMYI MURASHISHOZE:

Abayoboke b'Inkotanyi cyane cyane abashinzwe kugaragaza ibitekerezo by'Inkotanyi mu nyandiko zibinyamakuru byabo, bacuze amayeri yo kwegereka inyandiko kuri M.R.N.D. dore ko bananditseho nimero za FAX za M.R.N.D. arizo 25076174 ngo bizakunde bigaragare ko ari urucurano — Baratahewe ntawe utabazi: